REPUBLIC OF RWANDA

Ku wa 09 JAN 2009

010/09-018/RPPA

RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY (RPPA)
AVENUE DE LA PAIX, KIGALI-RWANDA
P. O .Box: 4276, Tel.: (250) 501403, 501404, 501405,
Fax: (250) 501402
E-mail: ntb@rwandatel1.rwanda1.com

Madamu/Bwana Umugenga w'Ingengo y'Imari (Bose)

Impamvu: Gusuzuma neza ibiba byasabwe mu itangwa ry'amasoko ya Leta

Madamu/Bwana Umugenga w'Ingengo y'Imari,

Bimaze kugaragara ko hari ubwo isoko rihabwa uwapiganwe wagaragaje ko yujuje ibyari byasabwe nyuma bimwe mu byo yari yerekanye mu nyandiko bikaza kugaragara ko atari ukuri. Niyo mpamvu Ikigo Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta gisabye ko utunama dushinzwe gutanga amasoko ya Leta, mbere yo gutanga umwazuro ku wapiganwe ukwiye guhabwa isoko, twabanza kwemeza neza ko ibyo yasabwe kandi yagaragaje mu nyandiko ari ukuri.

Dore bimwe mu bigomba gusuzumwa:

1. "Registre du Commerce": Kubera ko haba hatanzwe fotokopi, ugiye kwegukana isoko akwiye gusabwa inyandiko y'umwimerere hagasuzumwa ko ihuye na fotokopi yatanzwe kandi hagasuzumwa ko ibikorwa yapiganiye biyanditseho ndetse n'igihe amaze muri iyo mirimo kijyanye n'uburambe busabwa;

2. Aho uwapiganwe akorera: Mu nyandiko uwapiganwe aba yatanze harimo izigaragaza aho akorera. Ugiye guhabwa isoko agomba kubanza gusurwa, hakemezwa ko aho yavuze ko akorera ari ho koko kandi ko muri rusange hagaragaza ko akora kandi ashoboye ibyo yapiganiwe;

3. Ku masosiyete: Sitati za sosiyete zigomba kuba zaratangajwe mu igazeti ya Leta kandi abagize sosiyete bagomba kuba bazwi abo ari bo;

4. Inyandiko zinyuranye: Inyandiko zitangwa n'Ikigo Gishinzwe Imisoro n'Amahoro, izitangwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'abakozi iz'ingwate zitangwa n'amabanki n'amasosiyete y'ubwishingizi (ingwate z'ipiganwa

AS

n'ingwate zo kurangiza amasezerano ku wamaze guhabwa isoko) zigomba kubanza kwemezwa ko ari ukuri;

5. Ibintu bigaragaza ubushobozi bw'imari: Inyandiko zigaragaza ubushobozi bw'imari (e.g balance sheet and profit and loss account) zigomba kubanza kwemezwa ko ari ukuri;

6. Ibintu bigaragaza ubushobozi bwa tekiniki: Ibikorwa bisa n'ibigize isoko rigiye gutangwa yakoze ahandi, ibikoresho atunze cyangwa akodesha n'abakozi azakoresha bigomba kubanza kwemezwa ko ari ukuri;

7. Abapiganwa badakorera/batiyandikishije mu Rwanda: Ku bapiganwa badakorera cyangwa batiyandikishije mu Rwanda hagomba kwifashishwa ikoranabuhanga, za ambasade z'u Rwanda n'ubundi buryo bushoboka kugira ngo hemezwe ko inyandiko batanze ari ukuri;

8. Ibintu byose bikeneye kwemezwa ko ari ukuri: Ibintu byose bikeneye kwemezwa ko ari ukuri bigomba kwemezwa hakoreshejwe uburyo bushoboka bwose.

9. Ikindi: Byaba byiza kandi ko mbere yo gutangaza igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mwazajya mubanza kuganira n'akanama gatanga amasoko ku bisabwa kuba byujujwe mu rwego rwa tekiniki n'imari (technical and financial qualification criteria) kugira ngo rwiyemezamirimo yegukane isoko.

Mugire amahoro

SEMINEGA Augustus

Umuyobozi wa RPPA

Bimenyeshejwe: Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi